RUBERANGEYO Antoine
utuye kumurenge Sahera
Commune ya Mukura
Préfecture ya Butare
Assesseur mu rukiko
rwa Canton Cyarwa.

Butare, le 16 août 1973.

Kuli Nyakubahwa Président
wa Reépublique y'Urwanda
i Kigali.

Impamvu:
Ikibazo cy'umushahara.

A ...
Date ...04-9-73
No Classement 6353/01.73

Nyakubahwa Bwana Président,

Ikinteye kubandikira nangirango mbereke uko narenganyijwe nzinze inzangano z'abanyepolike bishakiraga umulimo wanjye w'ubujuge bawumvanaho ugahabwa uturuka mukarere kabo, uwitwa Gahama Joseph.

Kw'itariki ya 13/02/1971, niho Président w'Urukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Butare; Bwana Ndikubwimana Callixte yansimbuje Gahama abisabwe na Secrétaire Régional wa Paililiti hamwe na Préfet Karuta ~~Callixte~~. Muli Butare icyo Rwamakuba yasabaga Umutegetsi wese yarakimukoreraga, nuko rero icyo gihe nashyizwe kuba Assesseur wa Gahama nkajya musimbura.

Hanyuma lero haje gushira igihe noneho Secrétaire Régional Rwamakuba asaba Président w'Urukiko rw'Iremezo rwa Butare kumpagarika, icyo gihe Rwamakuba agambana na juge Gahama wansimbuye na Assesseur Kanyoma Nicodème we akaba na musanzire we; abagore babo bava inda imwe, Rwamakuba abategeka kujya banshakira ibirego ngo hazaboneke impamvu impagarika.

Kw'itariki ya 26/08/1972, Président w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo, Ndikubwimana Callixte yazanye na Secrétaire Régional Rwamakuba arampagarika, kuva ampagaritse nanze kwandikira Président w'Urukiko ~~rw'Iremezo~~ rw'Ikirenga. Kumvanaho ako karengane, hashize umwaka ntagisubizo ndabona; nicyo gituma mubyeyi mbikweretse. Ndagusaba guha dossier yanjye

./.

Comité y'Amahoro n'Ubumwe ubereye Président ikayisuzuma ukabona neza uko narenganye ukandenganura.

Kandi lero uko kurenganya kw'Abacamanza gushingiye ko Amategeko y'Ubucamanza atargikurikizwa, niba mbeshya nimurebe Statut y'Abacamanza ku ngingo ya 44-46-47-49 na 51 z'itegeko ryo kuwa 25 mars 1963 lishinga Amategeko y'Abacamanza, murasanga nta nimwe yakurikijwe. Ibyo lero biragaragaza ko nazize munyangire ya Secrétaire Régional wa Paliti Rwamakuba afatanyije na Préfet Karuta na ba Bourgmestre Ntare wa Commune Runyinya na Muvunyi wa Commune Mukura. Abongabo kungirango bafatanye gushaka ko mvanwa k'umulimo, Rwamakuba yabisunze kugirango ibyo andega byemerwe ntabwo bari kwanga kuko nabo yabategekaga.

Kubona Président w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Butare yemez'itegeko navuze haruguru, kandi zimwe-rekako ntabubasha afite bwo guhagarika umucamanza; akirengagiza n'ingingo ya 51 y'iritegeko riha ububasha bwo gucyaha abacamanza agahitamo kumpagarika, ibihano byateganyijwe gutangwa na Président w'Urukiko rw'Ikirenga nawe hakaba hashize umwaka ntacyo yabivuze-ho kandi maze kumwandikira gatatu, byerekana rwose ko nahagaritwe kubugambanyi bw'abanyepoliki.

Président w'Urukiko rw'Ikirenga yagombaga gsuhingira kungingo ya 47-49 n'iya 51 akavuguruza icyo gihano nahawe na Président w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo nina ko Statut y'Abacamanza ibivuga kungingo ya 49, kubona lero ibyo bitakozwe hakaba hashize umwaka uretse nanjye n'undi byamutera ubwo kuko aba abyumvamo ubugambanyi bwa munyangire.ya Rwamakuba, Secrétaire Régional wa Paliti wishakiraga ko bamvana kubujuge ngo nsimburwe n'umututsi Gahama Joseph w'inshuti ye yaravanye mw'ishuli ar'umwalimu. Mbese ntimwatangazwa no kubona Rwamakuba asaba ko mvanwa k'Ubujuge ngasubira kuba Assesseur kandi Gahama yarafite umulimo we w'ubwalimu atali Shomeur.

./.

Erega niwamugani baca ko ikimasa gicirirwa inyana umutwe, nanjye naruswe na Gahama wajyaga Andwanya mugihe cya révolution; icyo gihe indamukanyo ye ali gira Kigeli.

Erega jyeho nahanwe kigome; igituma mvuzeko nahanwe kigome, n'ukubona abandi bakozi ba Reta bahagarikwa n'ababifitiye ububasha bahembwa naho jyewe wahagaritswe n'utabifitiye ububasha bakanga kumpemba kandi kurwandiko rumpagarika batanditseho ko bahagaritse umushahara wanjye.

Umva nawe murebe ko nazize munyangire koko ntaho urukiko rw'Ikirenga rwakwirengaje ko muli Statut y'Abacamanza kungingo ya 49 handitse ko Président w'Urukiko rw'Ikirenga aliwe ufite ububasha bwo guhagarika Umucamanza ngo bongere kandi kwirengagiza ingingo ya 44 ya Statut y'Abacamanza ivuga ko Umucamanza uhagaritswe akomeza umushahara we, iryo tegeko bivuye litya: icyo gihano gifanguye gitewe nogushaka gukingira umulimo w'Ubucamanza ntigishobora gutangazwa cyangwa ngo kibuze uwo mucamanza umushahara we.

Rigakomeza kandi risobanura ritya kur'iyo ngingo ya 44: Inama nkuru y'Ubucamanza igomba guhabwa dossier ilimo ibirego uwo mucamanza aregwa ikabishyikirizwa muminsi 15 kuva igihe aburijwe gukora. Inama nkuru y'Ubucamanza igomba kugira icyo yemeza kur'icyo gihano cy'agateganto itarengeje iminsi 8 yayirenza ntacyo iremeza bikavugako icyo gihano kivuyeho.

Uko kwica mategeko yose bigaragaza ko nazize ubusa. Murebe Statut y'Abacamanza kungingo ya 47-49 n'iya 51 murasanga Président w'Urukiko rwa mbere rw'iremezo ntan'imwe imuha uburenganzira bwo guhagarika Umucamanza kumulimo we, ahubwo zimwereka ko ntaburenganzira afite bwo guhagarika umucamanza bifitwe na Président w'Urukiko rw'Ikirenga nabwo bikajurilirwa Inama Nkuru y'Ubucamanza.

./.

Ndasaba Comité y'Amahoro n'Ubumwe na Président wayo kwita kungingo ya 44 ya Statut y'Abacamanza, uretse ko uwampagaritse ntaburenganzira yarafite bwo kumpagarika, ikareba ko ntarinkwiye gukomeza guhembwa kugeza igihe Inama Nkuru y'Abacamanza igira icyo yemeza kuriryo hagarikwa nyamara kandi igihe urwandiko rumpagarika hatanditsemo ko umushahara uhagaritswe bagombaga kumpembwa. Inzandiko zose nagiye nandikira Président w'Urukiko rw'Ikirenga natangaga copie muli Présidence no muli Ministère, kuko harubwo zatinda kuboneza. Noherereje Comité y'Amahoro n'Ubumwe izindi nkazo hamwe n'urwandiko rwampagaritse na procès-verbal ya Remise-Reprise yo kuwa 13/02/71 nagiranye na Gahama Joseph Rwamakuba amuvanye mw'ishuri aho yigisha ar'umwalimu.

Nyamara n'iyo banseserera nkishakira akazi ahandi, nonese nk'ubu nahagaritswe ndahembwa hakaba hashize umwaka ntaho nkora, uwo mwaka baruzi ko umuryango wanjye utunzwe n'iki. Abanyepolitike bagirira umuntu nabi kuburyo bifuza ko apfa akavaho, ntibamenyako arumuntu nkabo. Ubona iyo mpagarikwa ariko ngakomeza guhembwa nk'uko itegeko ryo kuwa 25 mars 1963 libiteganya kungingo yaryo ya 44.

Aliko se kubera ubugambanyi bwabo byashoboka bite kw'iryo tegeko ryakurikizwa. Kubera iyo mpamvu ndasaba comite y'amahoro n'ubumwe na Président wa comité ko mugihe hatarasuzumwa impamvu zatumye Président w'Urukiko rwa mbere rw'iremezo ampagarika kumulimo naba mpembwa nk'uko ingingo ya 44 y'Itegeko ryo kuwa 25 mars 1963 lishinga amategeko y'Abacamanza ibiteganya.

Nizeye ko nzabona igisubizo. Imana nibahe amahoro n'ihirwe kumilimo yanyu.

Nijyewe,
RUBERANGEYO Antoine.